OM Å VÆRE FORELDRE I BARNEHAGEN
**KINYARWANDA**

# Kuba umubyeyi mw'ishuri ry'incuke



## Imikoranire hagati y'ishuri ry'incuke no murugo

Kugirango umwana yisange anatere imbere, ni ingenzi ko habaho imikoranire yahafi hagati yo murugo hamwe n'ishuri ry'incuke. Ibi bifite uburemere mwitegeko rigenga amashuri y'incuke hamwe no mumabwiriza yagahunda y'ibikorwa by'amashuri y'incuke. Kugirango imikoranire myiza igerweho, nuko ababyeyi n'ishuri ry'incuke bajya bavugana kenshi. Kuvugana biba buri munsi iyo bazanye abana niyo baje kubatwara, hamwe no mubiganiro biba bisuzuma iterambere ry'umwana no mu manama y'ababyeyi.

## Gutangira

Umunsi wambere mw'ishuri ry'incuke ni ingenzi ku babyeyi n'abakozi. Ishuri ry'incuke ryitegura neza kuburyo umwana hamwe n'ababyeyi bumva batekanye kandi bakagira kwizera kuva kumunsi wambere. Abana baratandukanye, kandi bakitwara muburyo butandukanye iyo batangiye mw'ishuri ry'incuke. Bamwe bahita bumva batekanye mubintu bishya nahantu hashya, mugihe abandi bakenera igihe kirekire mbere y'uko bamenyera.

Mwitangiriro, abana bakwiriye kuguma amasaha make mw'ishuri ry'incuke, bari hamwe n´umubyeyi umwe cyangwa bombi. Buhoro buhoro amasaha yakongezwa. Ishuri ry'incuke risezerana namwe uburyo mwifuza iminsi yambere yategurwa. Ningenzi ko uba uhari kandi waboneka mugihe ukenewe numwana muri icyo gihe. Mujye muvuga ko mugihe burigihe cyose. Mujye mumenyesha abana ko arabakozi bo mw'ishuri ry'incuke babitaho igihe muza kuba mwagiye. Ibi bituma umwana yumva atekanye, kandi ibi bituma agirira ikizere ababyeyi hamwe n'abakozi.

Amashuri y'incuke menshi yifuza kugirana ikiganiro nababyeyi nyuma yuko umwana atangiye mw'ishuri ry'incuke. Ikiganiro gifasha ishuri ry'incuke mu kumenyana n'umwana. Aha mwatubwira ibyo umwana yaba akeneye bidasanzwe, bishobora kuba aribijyane nibiryo,












kuryama, nibyo akunda, ninde wemerewe gufata umwana, cyangwa ibindi ishuri ry'incuke rigomba kwitondera. Muricyo kiganiro, ishuri ry'incuke riboneraho kubaha andi makuru y'ingenzi.

## Amakuru kubikubiye mw'ishuri ry'incuke

Amashuri y'incuke yose agira gahunda y'umwaka isobanura inyigisho ishuri ry'incuke ritanga. Kunyongera, ishuri ry'incuke ritanga amakuru murwandiko rwaburi kwezi cyangwa urwandiko ruva mu cyiciro cy'umwana abarizwamwo. Aha muhabwa gahunda y'ibizaza, mukaba mwanamenyeshwa isuzumwa ry'ibikorwa umwana yamaze gukora. Amashuri y'incuke menshi akurikirana amakuru y'ibiba byabaye umunsi kuwundi muburyo bwo gufata amafoto, inyandiko cyangwa byombi. Amashuri y'incuke amwe namwe akoresha interineti muguhanahana amakuru.




Photo: © Asle Bentzen
Skipnes.no Svanemerket trykksak, 2041 0731

## Ibiganiro bidateguwe

Kuvugana hagati y'ishuri ry'incuke nababyeyi biba inshuro nyinshi bitateguwe, urugero baje gutwara abana cyangwa babazanye. Mubusanzwe aho haba hari abandi bana nabantu bakuru. Muramutse mwifuza kuvuga kukintu mwifuza ko abandi batacyumva, mwahita musaba ko mushaka kuganira.

## Ibiganiro byateguwe

Inshuro nkazingahe k'umwaka, amashuri y'incuke akora inama zababyeyi aho biba biri ngombwa kuzitabira, ababyeyi bose bagatumirwa. Murizo nama haganirwaho ibibazo biba birebana n'ishuri ry'incuke, aha ababa bitabiriye inama bose batanga ibitekerezo byabo.

## Akanama kagizwe n'ababyeyi hamwe na komite y'ubufatanye

Akanama kagizwe n'ababyeyi kabamwo n'ababyeyi babana bose mw'ishuri ry'incuke. Akanama kagizwe n'ababyeyi gashyira imbere inyungu z'ababyeyi, kandi gafasha ko habaho imikoranire myiza hagati y'ishuri ry'incuke n'amatsinda y'ababyeyi, ibi bituma mw'ishuri ry'incuke haba umwuka mwiza.

Komite y'ubufatanye (SU) igizwe n'ababyeyi hamwe nabakozi bo mw'ishuri ry'incuke. SU ituma habaho imikoranire myiza hagati y'ishuri ry'incuke n'iwabo wabana. Ibibazo by'ingezi by'ishuri ry'incuke mubusanzwe bisuzumwa muri SU. Urugero kuri ibi bibazo ninka gahunda y'umwaka, ingengo y'imari, ihinduka ry'imikorere cyangwa imiterere.

---

BERGEN
KOMMUNE